

GUFASHA UMUHINZI GUSHYIRAHU UMURIMA WA PUSH-PULL



Push-pull ikorwa haterwa urubingo cyangwa se ivubwe k'umuzenguruko w'umurima w'ibigori. Urubingo hamwe n'ivubwe byifitemo ubushobozi bwo gukurura nkongwa ndetse na nkongwa idasanzwe bikazibuza kujya kwangiza ibigori hirya no hino muyindi mirima. Urubingo hamwe n'ivubwe binifitemo ubushobozi bwo kubuza izo nkongwa zombi kororoka.


Mu gukora kandi umurima wa Push – pull hanakoreshwa ubwatsi bw'umuvumburankwavu buterwa hagati y'imirongo ibiri y'ibigori. Umuvumburankwavu wo ufite akamaro ko kwisohoramo umwuka utuma nkongwa ihunga hanyuma igakururwa na rwa rubingo cyangwa se ivubwe biteye ku muzenguruko w'umurima, ikagumaho kugeza ihapfiriye.

Umuvumburankwavu kandi usazura ubutaka, ukanarinda icyatsi cya Kurisuka mu murima w'ibinyampeke. Iyo umuhinzi akoresheje neza tekiniye ya Push - pull abona umusaruro w'ibigori uhagije kandi n'ubwatsi bw'amatungo bukungahaye ku ntungamubiri bukiyongera bityo amatungo agatanga umusaruro uhagije w'amata n'inyama.

UKO BATERA UMURIMA WA PUSH – PULL

Intambwe ya 1. Gutegura umurima

- Guhinga umurima mbere y'uko imvura igera hasi;
- Kuringaniza intabire mbere y'uko imvura igera hasi ari nyinshi;




- Imbuto z'umuvumburankwavu nibyiza kuzitegura neza kuko ziba ari ntoya cyane.
- Mu gutera umurima wa Push – pull, tugomba gukoresha imambo, imigozi ndetse na metero kugirango dupime ubuso busabwa aribwo bungana na metero 30 kuri metero 30.

Intambwe ya 2. Gutera

Gutera urubingo


- Gutera urubingo ku muzenguruko w'umurima w'ibigori. Byibuze imirongo ibiri y'urubingo ni ngombwa ariko ushobora gushyiraho imirongo myinshi bitewe n'ubuso ushaka guhingaho ibigori cyangwa umubare w'inka ufite.
- Intera igomba kuba ingana na cm 75 hagati y'imirongo na cm 75 mu murongo w'ibigori (**Ishusho ya 2**).



Ishusho ya 2. Ibipimo by'urubingo

- Shyiramo ikinyiko 1 cy'ifumbire mvaruganda (Superphosphate) cyangwa amashyi 3 y'ifumbire y'imborera muri buri mwobo mbere y'uko utera urubingo
- Utera urubingo rufite amaso atatu kugirango amaso abiri aje mu butaka cyangwa ugatera ibitsinsi bibiri mumwobo warangiza ugatwikiriza itaka.

Ishusho ya 1. Gushyiraho igishushanyo cya push-pull




Ishusho ya 3. Uko batera urubingo

Gutera ibigori

- Tera ibigori mu murima wamaze guteramo urubingo
- Tera ibigori hagati y'imirongo y'umuvumburankwavu
- Intera igomba kuba cm 75 hagati y'imirongo 2 na cm 30 hagati mu murongo w'ibigori.
- Umaze gushyira mu mwobo w'ibigori amashyi abiri y'ifumbire y'imborera iboze neza ongeramo ikinyiko kimwe cy'ifumbire mvaruganda ya DAP.



Ishusho ya 4. Umuvumburankwavu uvanze n'ibigori



Ishusho ya 5. Uko wategura umurongo w'umuvumburankwavu

Gutera umuvumburankwavu

- Umuvumburankwavu ugomba guterwa hagati y'imirongo ibiri y'ibigori, kugirango ihinga rikurikiyeho bizorohe kongera gutera ibigori (Ishusho ya 4).
- Umuvumburankwavu uterwa hagati y'imirongo ibiri y'ibigori iri ku intera ya cm 75 hagati y'umurongo n'undi.

- Ifashishe igiti gisongoye kugira ngo uce umurongo uterwamo Umuvumburankwavu, uwo murongo ugomba kuba ufite cm 1 kugeza kuri cm 2 z'ubujyakuzimu (**Ishusho ya 5**).
- Vanga imbuto z'Umuvumburankwavu hamwe n'ifumbire y'imborera yaboze neza k'urugero rwa kg 1 cy'umuvumburankwavu n'ibiro bibiri by' ifumbire y'imborera. Igihe hakoreshejwe ifumbire mva ruganda, uvanga imbuto n'ifumbire mvaruganda ya superphosphate ku kigero kimwe nk'igihe hakoreshejwe imborera (1:2)
- Shyira imbuto muri wa murongo w'umwobo waciwe nurangiza utwikirize itaka ryiza kandi ritari ryinshi. (**Ishusho ya 5**).
- Umuvumburankwavu uterwa impande zose, (umurongo utangira uba uw'umuvumburankwavu n'umurongo usoza); kugirango umuvumburankwavu umere neza utera igihe hari imvura ihagije;
- Ikiro kimwe cy'umuvumburankwavu gishobora gutera umurima wa are 10

INTAMBWE YA 3. KUBAGARA

Kubagara no kwita ku bihingwa

- Kubagara hakiri kare nibyo byiza kugirango ubashe gukora neza push- pull
- Ubagara bwa mbere igihe ibigori bimaze ibyumweru bitatu bitewe cyangwa igihe ubona ibyatsi bibi byameze mu murima w'ibigori. Kubagara bwa kabiri bikorwa igihe ibigori bimaze amezi atanu bitewe.
- Ni ngombwa kubagaza intoki umuvumburankwavu igihe umaze kumera . Nibyiza gutandukanya umuvumburankwavu n'ibindi byatsi bibi kugirango hirindwe kurandurana umuvumburankwavu n'ibyo byatsi bibi. (**Ishusho ya 6 na 7**).



Ishusho ya 6. Umuvumburankwavu umaze amezi 3-5 utewe



Ishusho ya 7. Kubagaza intoki umuvumburankwavu uteye hagati y'imirongo y'ibigori

Ku bindi bisobanuro wahamagara kuri nimero itishyurwa ya RAB: 4675

For more information contact:

The Principal Scientist, Habitat Management Programme, *icipe*,
P. O. Box 30-40305, Mbita Point, Kenya,
Telephone: 059 22216-18. E-mail: zkhan@icipe.org

International Centre of Insect Physiology and Ecology (*icipe*) – Kenya with Rothamsted Research – UK, The Rwanda Agriculture animal resources Board, Food for the Hungry Rwanda,) Send a cow Rwanda, Total Land Care (Zambia and Malawi, Department of Agricultural Research services (DARS) Malawi, Kasisi Agricultural training center, Zambia Agricultural Research institute (ZARI) Conservation Agriculture Unit (CFU), University of Zambia, Kuchereketa Rural Development-Zimbabwe, Environmental Institute For Agricultural Research (INERA)- Burkina Faso

Push-pull for sub-Saharan Africa project funded by Biovision foundation